**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

***IFISHI IGENDANA N'INYANDIKOMVUGO***

**INYANDIKOMVUGO N° 13/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 27 UGUSHYINGO 2024 (15H00)**

**LISITI Y'ABAFASHE IJAMBO**

1. Senateri KAITESI Usta
2. Senateri NIYOMUGABO Cyprien
3. Senateri RUGIRA Amandin
4. Senateri KANZIZA Epiphanie

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**
**SENA**

**IBIRO BYA PEREZIDA**

**INYANDIKOMVUGO N° 013/SEN/P/PV/MJ**

**INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KU WA 27 UGUSHYINGO 2024 (15H00)**

**YEREKEYE**:

1. **Kugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ku isuzumwa rya dosiye ya Bwana NTIBITURA Jean Bosco, usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya wa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba.**

2. **Kwemeza inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange ya Sena yo ku matariki akurikira:**

   - **Iyo ku itariki ya 05/06/2024 (14h00;)**
   - **Iyo ku itariki ya 13/06/2024 (16h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 20/06/2024(15h00);**
   - **Iyo ku itariki ya 24/07/2024 (15h00).**

Inama y'Inteko Rusange yatangiye i saa cyenda z'amanywa (15h00) iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier.

**Hari Abasenateri bakurikira:**

1. Senateri BIDERI John Bonds
2. Senateri CYITATIRE Sosthène
3. Senateri DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre
4. Senateri GAHAMANYI Bibiane Mbaye
5. Senateri HAVUGIMANA Emmanuel
6. Senateri KAITESI Usta
7. Senateri KANZIZA Epiphanie
8. Senateri MUGISHA Alexis
9. Senateri MUKABALISA Donatille
10. Senateri MUKABARAMBA Alvera, Visi Perezida wa Sena
11. Senateri MUKAKARANGWA Clotilde
12. Senateri MURANGWA Ndangiza Hadija
13. Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose
14. Senateri NGARAMBE Telesphore
15. Senateri NIYOMUGABO Cyprien
16. Senateri NSENGIYUMVA Fulgence

17. Senateri NYIRAHABIMANA Soline, Visi Perezida wa Sena
18. Senateri NYIRASAFARI Espérance
19. Senateri RUGIRA Amandin
20. Senateri TWAHIRWA André
21. Senateri UMUHIRE Adrie
22. Senateri UWERA Pélagie
23. Senateri UWIMBABAZI Penine
24. Senateri UWIZEYIMANA Evode

**Umusenateri utaritabiriye inama y'Inteko Rusange bafite impamvu**

1. Senateri NYINAWAMWIZA Laetitia

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida ba Sena, ba Nyakubahwa Basenateri, mwiriwe!

Ndagira ngo dutangire mbashimira ko mwitabiriye inama y'Inteko Rusange y'uyu munsi tariki ya 27 Ugushyingo 2024.

Ubu tukaba turi Abasenateri makumyabiri na batanu (25), bityo tukaba dukwije umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko Rusange ibashe guterana mu buryo bukurikije amategeko.

Ba Nyakubahwa, kuri gahunda hateganyijwe ingingo ebyiri zikurikira:

Ingingo ya mbere, ni ukugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ku isuzumwa rya dosiye ya Bwana NTIBITURA Jean Bosco, usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya wa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba;

Ingingo ya kabiri ni ukwemeza inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo ku matariki akurikira:

- iyo ku itariki ya 05 Kamena 2024 (14h00);
- iyo ku itariki ya 13 Kamena 2024 (16h00);
- iyo ku itariki ya 20 Kamena 2024 (15h00);
- iyo ku itariki ya 24 Nyakanga 2024 (15h00).

Ba Nyakubahwa dutangire dusuzuma ingingo ya mbere ari yo yerekeye kugezwaho no gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere nari maze kuvuga.

Nkaba muri aka kanya nsaba abagize Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere kuza mu mwanya wabugenewe kugira ngo bageze ku Nteko Rusange raporo ya Komisiyo.

Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ijambo ni iryanyu kugira ngo mugeze ku Nteko Rusange raporo ya Komisiyo muyoboye.

**Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere, Senateri KAITESI Usta**

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, tubashimiye kuri uyu mwanya muduhaye kugira ngo tubagezeho raporo ya Komisiyo ku isuzuma rya dosiye ya Bwana NTIBITURA Jean Bosco usabirwa kwemezwa ku mwanya wa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba.

Kuri 26 Ugushyingo Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere yasuzumye dosiye ya Bwana NTIBITURA Jean Bosco usabirwa kwemezwa ku mwanya wa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba.

Mu gusuzuma iyo dosiye Komisiyo yakoresheje uburyo bukurikira:

- twasuzumye inshingano za Guverineri;
- dusuzuma umwirondoro wa Bwana NTIBITURA Jean Bosco;
- tugirana ikiganiro na we.

Mu by'ukuri inshingano za Guverineri zijyanye n'inshingano z'Intara kandi ni inshingano z'ubuyobozi:

- ayobora imirimo y'urwo rwego, urwego rw'Intara;
- ajya inama azigira inzego z'ibanze mu bijyanye n'imikorere yazo ndetse no ku bijyanye no kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu;
- ashinzwe kumenyesha ubuyobozi bukuru bw'Igihugu uko Intara iteye n'ikiyibayemo cyose kandi gikwiriye kwitabwaho ndetse agatanga na raporo ku mikorere y'Intara n'Uturere tuyigize;
- Guverineri ashinzwe gutumiza no kuyobora inama ya komite y'umutekano;
- kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yemejwe ku rwego rw'Intara no mu Turere;
- gutumiza rimwe mu mwaka n'ikindi gihe bibaye ngombwa inama y'abayobozi mu nzego za Leta yewe n'inzego z'abafatanyabikorwa zikorera muri iyo Ntara ndetse no gukora indi mirimo iri mu nshingano ze yaba yasabwe n'urwego rumukuriye.

Umukandida rero cyangwa Bwana NTIBITURA Jean Bosco ni Umunyarwanda,. yavutse taliki 03 Nzeri 1975.

Ku bijyanye n'amashuri afite "Master of Arts (M.A) in translation and interpretation studies", yavanye muri Kaminuza y'u Rwanda. Kandi mu nshingano ze nk'umuyobozi yagiye agira imirimo itandukanye akora.

Mbere yo guhabwa izi nshingano dusaba ko yemerezwa, yari "Director General of Internal Intelligence and Security" muri "NISS".

Muri Gashyantare 2023 kugeza muri Kamena 2023 yari "Head of Security Policy and Standards Department" muri MININTER.

Werurwe 2021 kugeza Mutarama 2023: yari "Senior Head of Division at Directorate General of Immigration and Emigration Head Office".

Yakoze no muri Ambasade nka "First Secretary at the Embassy of the Republic of Rwanda" mu Gihugu cy'Ububiligi.

Twagiranye rero ikiganiro na Bwana NTIBITURA Jean Bosco, yatubwiye ko yishimiye inshingano yahawe kandi atubwira ko yumva azazuzuza neza ashingiye ku bumenyi ndetse n'inararibonye afite.

Ku bijyanye n'ibyo yumva azashyiramo imbaraga, yagaragarije abagize Komisiyo ko:

- azimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda;
- azaharanira kurwanya igwingira n'imirire mibi y'abana;
- kurwanya ubukene mu Ntara mu by'ukuri twasanze igaragaramo ubukene bwinshi mu Turere hafi twose tw'Intara nta Karere kari munsi ya mirongo itatu. Rero yatubwiye ko azaharanira kurwanya ubukene mu Ntara;
- ndetse no guteza imbere imiyoborere n'imitangire ya serivisi binoze.

Abagize Komisiyo bamugiriye inama bashingiye ku byo yavuze azakomeza gukora, bamugira inama yuko yakomeza kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda mu mikorere ye ndetse no mu mikoranire y'inzego z'ubuyobozi, abaturage n'abafatanyabikorwa batandukanye.

Bamugiriye inama yo gushyira imbaraga mu kwegera abaturage, kumva no gukemura ibibazo byabo no kubasobanurira politiki na gahunda za Leta n'uruhare rwabo mu ishyirwa mu bikorwa ry'izo gahunda.

Aha navuga yuko mu by'ukuri na we yatubwiye ko kimwe mu byo abona nk'ibibazo bikomeye ni icyuho kiri hagati y'abaturage n'ubuyobozi. Avuga ko amakuru we abona ni uko hari henshi usanga abaturage bumva ko batabona ubuyobozi bihagije, butabakemurira ibibazo ku gihe, kandi rimwe na rimwe budasobanukiwe ibikwiye gukorwa. Bikaba rero ari cyo gituma yatubwiye ko azanoza iriya nshinga yo guhoza umuturage ku isonga yegera abaturage ku buryo bukwiye.

Twamugiriye inama yo kunoza imikoranire hagati y'Intara n'abafatanyabikorwa hagamijwe kongera uruhare rwabo mu iterambere ry'Intara, kunoza imikorere n'imikoranire y'inzego mu Ntara cyane cyane mu Turere tuyigize no gushyira imbaraga mu iyubahirizwa ry'amategeko mu mikorere n'imikoranire y'inzego. Hanyuma hakabaho no kubyaza umusaruro amahirwe Intara ifite yo kwegera Ikiyaga cya Kivu mu buryo bumwe cyangwa ubundi harimo n'imibereho y'abaturage usanga hari abana benshi bagifite igwingira kandi hariya hari isoko ikomeye y'ibintu birwanya igwingira nk'amafi.

Mu isesengura ndetse n'umwanzuro, Komisiyo imaze gusuzuma umwirondoro wa Bwana NTIBITURA Jean Bosco isanga afite ubumenyi, ubushobozi ndetse n'uburambe mu mirimo bizamufasha kuzuza neza inshingano yahawe.

Iyo ugiye ureba ziriya nshingano zitandukanye yakoze, zimuhuza kenshi n'abaturage kandi zituma ahenshi yakoreye ku nzego zifite icyo zipfana n'inshingano agiyemo.

Hanyuma umwanzuro wa Komisiyo, Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere irasaba Inteko Rusange kwemeza Bwana NTIBITURA Jean Bosco ku mwanya wa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba.

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo kuri raporo mugejeje ku Nteko Rusange.

Ba Nyakubahwa Basenateri, rero nyuma yo kugezwaho iyi raporo ubu ni umwanya wo kuba mwayitangaho ibitekerezo cyangwa mukaba mwabaza ikibazo Komisiyo.

Ijambo ni iryanyu "liste" ya kabiri irafunguye.

Kuri "liste" ya kabiri Abasenateri basabye ijambo hari Senateri UWIZEYIMANA Evode na Senateri NIYOMUGABO Cyprien. Ijambo ni irya Senateri UWIZEYIMANA.

**Senateri UWIZEYIMANA Evode**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Sinzi niba wenda ikibazo nashakaga kubaza abagize Komisiyo cyangwa niba hari n'uburyo bwo kuzakomeza gufatanya n'umuyobozi mu gihe yaramuka yemejwe n'Inteko Rusange. Ijwi ryanjye ntabwo rimeze neza ariko murambabarira.

Iriya Ntara mu minsi ishize twumvisemo, ni ibisanzwe ko umuntu ubona atagishoboye inshingano asezera cyangwa se inzego zibifitiye ububasha zikaba zasimbura umuyobozi. Ibyo ni ibisanzwe muri "political system" yacu. Ariko havuzwemo iyegura rya hato na hato ry'abayobozi b'Uturere byavuzwe muri Karongi no muri Rusizi.

Ikindi ntabwo wenda nibaza ko ni umuntu wakoraga muri "internal security" wenda hari, njye ngira ngo Doctor Usta afite "due diligence" azi ibyo yavuga "on record" n'ibyo atavuga ntabwo ari njye uri bumuhitiremo ariko se uretse kureba mu itegeko tukareba ibyo Guverineri aba agomba gukora, inshingano, ubumenyi "experiences" n'inshingano asabirwa kwemerezwaho gukora, yaba yarababwiye ikibazo cyihariye kiri muri iriya Ntara ituma abayobozi baho tubona hari ikibazo? Hari ibibazo tutabona mu zindi Ntara n'utundi Turere, hari bombori bombori ihorayo sinzi ngo ikibazo gihari ni ikihe?

Mwaba mwaraganiriye akababwira amakuru afite cyangwa se akababwira ati: "Sindagerayo ningerayo nzababwira icyo nasanzeyo"? Kuko dukwiye gukomeza gufatanya no gukorana neza kugira ngo Igihugu cyacu kirusheho gutera imbere. Ngira ngo muganira yababwiye ko ikintu cyitwa ubumwe bw'Abanyarwanda ari ikintu azitaho by'umwihariko. Ni ikintu gikomeye n'izindi nzego zubakiyeho kiri mu mahame remezo tugomba kugenzura no gukurikirana.

Ibi ndabivugira, Nyakubahwa Perezida wa Sena, ko hari igihe usanga twemeza umuyobozi ku nshingano asabwa kujya gukora, noneho tukazajya kumva na none inshingano zamunaniye cyangwa se hari ibyamugoye dusa n'aho wenda tutakurikiranye ngo tumenye ngo byagoraniye hehe mu rwego rw'imikoranire y'inzego? Ngira ngo muzi ko "collaboration" no gukorana kw'inzego ari byo twashyize hejuru kuruta kuvuga ngo turi muri "séparation de pouvoir" kuko nkunda kuvuga ngo "at the end we are one Government". Icyo tugamije ni kimwe, guteza iki Gihugu imbere, gushyira umuturage ku isonga, gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda kugira ngo hatongera kugira ikibuhungabanya.

“So”, ngira ngo ikibazo cyaba cyumvikanye ariko ngira ngo Doctor Usta na mugenzi we muri Komisiyo ndumva mwaraganiriye kuko ntabwo wajya kuyobora ahantu abandi bayobozi basezeye cyangwa beguye cyangwa begujwe noneho ngo wumve ko ibyo bintu biri “smooth”.

Ndumva narangiriza aho Nyakubahwa Perezida wa Sena. Nkibaza ko ikibazo cyanjye cyumvikanye nubwo nakoresheje “langage politique” cyane. Murakoze.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Ijambo ni irya Senateri NIYOMUGABO.

**Senateri NIYOMUGABO Cyprien**

Murakoze Nyakubahwa Perezida kumpa ijambo kugira ngo nanjye ngire icyo mvuga kuri iriya raporo tugejejweho isesengura rigamije gusabira kwemeza Bwana NTIBITURA Jean Bosco ku mwanya wa Guverineri w’Intara y’Iburengerazuba. Njye ni ibitekerezo ntabwo mfite ibibazo cyane cyane ko iriya Ntara y’Iburengerazuba nyizi.

Nashimye cyane yuko mu byo baganiriye bakomoje kuri bimwe koko bigomba kwitabwaho. Iriya Ntara y’Iburengerazuba iri mu zifite igwingira ry’abana ryinshi ndetse n’ubukene. Ariko ikaba ari n’Intara na none itagira ibikorwa remezo cyane cyane iby’imihanda. Tuvuge agace, Intara y’Iburengerazuba rero uko iteye iragenda ikava kuri Nyabarongo iruhande rw’Akarere ka Ruhango ikagera ku Kivu.

Iyo ugiye nko ku gace kegereye uruhande rwa Ruhango kuri Nyabarongo, nta mihanda ihaba. Nigeze kujyayo rwose, ugomba gusiga imodoka ukagenda nibura amasaha atatu cyangwa ane kugira ngo ugere epfo kuri Nyabarongo. Ku buryo rero hakwiye kwitabwaho no mu minsi yashize nagiyeyo ngiye gusura n’abarwayi b’i Kirinda ibitaro bihari. Hagomba kwitabwaho n’Intara ikeneye ibikorwa remezo byihutirwa cyane.

Ariko na none ni Intara ifite ayo mahirwe kuba ikora ku Kivu mu Turere twinshi, ikaba na none ifite ishyamba rya Mukura na byo, Gishwati Mukura ari pariki na byo ni andi mahirwe akomeye ariko iyo pariki ikeneye imihanda myinshi cyane kuko haba inka amata rimwe akabura uko agera aho bayagurira kuko nta mihanda ihari.

Ikaba na none ari Intara iyo urebye ugiye mu gace kagana kuri Ngororero, hari Urwibutso rwa Nyange ruruhukiyemo Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, hepfo hino aho ngaho mu Murenge wa Murundi, uri hino y’Umurenge wa Murambi, ahongaho mu minsi yashize hari uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bishe muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibyo mwarabyumvishe mu itangazamakuru. Murumva ko hakiri ingengabitekerezo ya Jenoside noneho na none ikaba ari Intara wabona ibyo byose bihujwe ubushobozi buhari, ari amashyamba ahari, ari imigezi ihari, ari ibiyaga, ari iki, bishyizwe hamwe bya bibazo byakemuka byose twagiye tubona bihari.

Nkaba rero mvuga nti: "Ni Intara natwe nk'Abasenateri tugomba kwitaho ibyo byose tukabiganiraho cyane cyane ko mu byo twiyemeje twiyemeje kujya ha handi hatagerwa nk'aho nababwiye ugomba gusiga imodoka ukagenda nibura amasaha atatu, ane n'amaguru ujya kureba abaturage. Nkumva rero ari ikintu tugomba kwitaho.

Nkaba rero nshyigikiye cyane uyu mukandida kuko mu byo yavuze NTIBITURA Jean Bosco muri raporo baduhaye, agaragaje ko byose abizi, abikurikira kandi n'imirimo yakoze urabona ko kumenya amakuru bizamworohera n'ayo dufite tuzayamuha noneho Intara yacu y'Iburengerazuba twese igatera imbere nk'uko Igihugu gitera imbere. Murakoze.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Senateri NIYOMUGABO. Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo na none ijambo ni iryanyu kugira ngo mugire icyo musubiza ku kibazo cyabajijwe no ku bitekerezo byatanzwe ijambo ni iryanyu.

**Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere, Senateri KAITESI Usta**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ndashimira ba Honorable babajije kandi banatanze uburyo babona Intara. Uko Honorable NIYOMUGABO yakomeje kuvuga naketse ko bitakiri ngombwa ko nsubiza ikibazo Honorable Evode yabajije, ariko mu by'ukuri iyo urebye mu kiganiro twagiranye kirambuye n'umukandida ni ikibazo gikomeye cyane ni imitangire ya serivisi itanoze.

Ndatanga urugero rwigeze no kuganirwaho hano muri Sena, rw'umuhanda ngira ngo Honorable Evode ni we wabivuze basuye na we yatubwiye ikibazo cy'imihanda inabangamiye iterambere ry'abaturage. Avuga ati: "Hari ubukene ariko hari n'ubukire buvamo ubukene kubera ko batabonye ibikorwa remezo bituma batageza amata ku rugero ku muhanda kugurishwa, ibihingwa byasaruwe bidashobora kugera ku isoko bikangirika kubera yuko "priorité" y'ibikorwa remezo iraremereye cyane. Twumvaga bavuga ko ari kimwe mu bintu bikomeye cyane."

Ikibazo cy'ubukene kiri hejuru. Iriya Ntara rwose iri hasi cyane akavuga ati: "Amahirwe yo kurwanya ubukene arahari. Kubihurizaho twese tukerakana ko ibikorwa remezo atari ibikorwa remezo gusa ahubwo ni ibikorwa remezo bitwihutisha mu iterambere ni ingenzi."

Ikindi yarakivuze kandi nanjye nakivuze ni ikirebana n'ubumwe n'ubwiyunge. Abagize Komisiyo hari abagaragaje ko muri iriya Ntara umubare munini cyane w'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi ni ho ubarizwa. Binagaragazwa yuko mu by'ukuri ibyo tubona rimwe na rimwe bigira icyo bipfana n'ayo mateka. Bigira icyo bipfana n'ivangura, bigira icyo bipfana n'ibisigisigi bya Jenoside yakorewe Abatutsi, ari na ho uzana ukabonamo n'ipfobya rimwe na rimwe ni na yo mpamvu yatubwiye ko mu bintu by'ingenzi azitaho cyane ari ubumwe n'ubwiyunge ngira ngo ibyo bibiri, gusa igikomeye ni uko bigaragara ko Intara arayizi yigeze kuyikoreramo mu rwego rw'Akarere muri "migration" asobanukiwe Igihugu.

Ikiza iriya Ntara ni Intara ituranye n'abaturage batandukanye kandi "experience" ye ari iyo muri "embassy", ari iyo muri "migration" ni iy'aho yakoraga ngira ngo imuha ubumenyi buhagije. Ngira ngo nk'uko wabivuze ubundi Guverineri ni "coordinator". Ariko ari iterambere ry'ahantu ari ho hose rikenera guhuza no gukorana n'inzego zitandukanye.

Nyakubahwa Perezida wa Sena twamusezeranyije kandi twanamwibukije ko natwe dushinzwe gukorera abaturage tumusezeranya ko turi abafatanyabikorwa mu guhangana n'ibibazo bihari ariko no mu kwihutisha iterambere mu gihe cyose azabona ari ngombwa kandi abikeneye. Murakoze.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo. Ba Nyakubahwa nyuma y'ibyo bisobanuro twafungura "liste" ya gatatu.

Kuri "liste" ya gatatu hari Senateri RUGIRA Amandin, Senateri KANZIZA Epiphaniena Senateri UWIZEYIMANA Evode. Ijambo ni irya Senateri RUGIRA Amandin.

**Senateri RUGIRA Amandin**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena kumpa umwanya. Nsabye ijambo kugira ngo nshime raporo yakozwe, nabonye yakozwe neza cyane.

Ikindi nashakaga kuvuga nuko usabirwa umwanya NTIBITURA Jean Bosco nagize amahirwe yo gukorana na we, ni umuntu ushoboye ni umuntu "discipliné" cyane nkaba mpamya ko nubwo iriya Ntara ifite ibibazo ndahamya ko NTIBITURA azabyitwaramo neza nkurikije uko muzi.

Nari mfashe ijambo nshima raporo kandi nanababwira ko nzi umukandida cyangwa usabirwa umwanya ko muzi neza, ubushobozi arabufite ku buryo ntashidikanya ko azabyitwaramo neza. Murakoze.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Ijambo ni irya Senateri KANZIZA.

**Senateri KANZIZA Epiphanie**

Murakoze cyane Nyakubahwa Perezida kumpa ijambo. Ndashima cyane akazi kakozwe na Komisiyo. Nashimye cyane n'ibiganiro uyu usabirwa kwemezwa nka Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba bashoboye kugirana ibiganiro byiza.

Rero nshingiye y'uko mu byo azashyiramo imbaraga yiyemeje yuko azashyira imbaraga mu kurwanya ubukene, natekereje nti: "Hasanzwe hari gahunda za Leta zo kurwanya ubukene ariko na none kugira ngo bigende neza hariho no gufasha abaturage kugira ngo bafate neza ibyo baba bafite cyangwa bafate neza ibyo baba batewemo inkunga cyangwa bafate neza ibikorwa bibateza imbere baba bafite."

Ariko nanone nkongera nkibaza nti: "Kuba yaravuze ati: "Nzashyira imbaraga mu kurwanya ubukene ni uko haba hari n'ibindi bintu bishyashya ateganya kuba yazanamo bishingiye ku byari bisanzwe." Nkavuga nti: "Ese ibishya ateganya yaba yarabibaganirijeho cyangwa se tuzabona igabanuka ry'ubukene muri iyo Ntara ari uko ingamba afite yatangiye kuzishyira mu bikorwa?" Murakoze ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze. Ijambo ni irya Senateri UWIZEYIMANA

**Senateri UWIZEYIMANA Evode**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ngira ngo nanjye ndashima ibisobanuro Perezida wa Komisiyo yatanze ku bibazo nari nabajije ndetse nashima ko kugeza ubu muri “priorité” ibikorwa remezo mwabiganiriye mugasanga ari ngombwa cyane cyane ku bijyanye n’imitangire ya serivisi Doctor Usta ngira ngo arabizi cyane abifitemo ubumenyi nshingiye ku nshingano zindi yakoze mbere yuko aza muri Sena.

Nashimishijwe cyane n’ikibazo cy’ibikorwa remezo kuba kiri muri “priorité”. Iyo urebye iriya Ntara yegereye ikiyaga cya Kivu, ni ahantu nabonye abantu bagiye bagerageza kuhubaka amahoteli meza cyane cyane abikorera, iyo uhageze ukareba n’umuhanda wanyuzemo ujyayo hari igihe koko wibazaga ukavuga uti: “Ariko se koko aha hantu hari ikihe kibazo?” Abantu bashobora gukora “investment” zingana gutya aha hanyuma twarangiza tukagira izindi nzitizi zituma abantu batagera kuri ibyo gbkorwa remezo.

Ndagaruka ku kintu cyavuzwe cy’umukamo w’amata, abantu bo muri Gishwati twarahasuye nari kumwe na Senateri Professor DUSINGIZEMUNGU. Ejo nabonye ifoto yari irimo ihita mu itangazamakuru barimo basunika imodoka ya Daihatsu ngira ngo iyo foto nahise nyimwoherereza kuko aho hantu twarahajyanye. Imodoka ipakiye amata yanyereye abantu barimo kuyisunika bavuga ko igihombo ku munsi ari miriyoni magana abiri mirongo irindwi z’amafaranga bahomba, “non” ku kwezi.

Bavugaga bati: “Amata agera ku isoko hagerayo mirongo itatu ku ijana (30%) by’umukamo wose dufite hano.” Aho hantu twarahageze rwose njye ngira ngo natwe kuhagera ngira ngo byari “course”. Ariko nkaba nsaba cyane cyane ko mu rwego..., ngira ngo aho twahageze igihe twasuraga ibikorwa by’amakoperative, igihe Sena yari mu gikorwa cyo gusura amakoperative Abasenateri bagiye hirya no hino mu Gihugu bareba imikorere y’Amakoperative.

Icyo gihe rero iyo twajyaga kureba aborozi bo mu Gishwati twasanze bafite ikibazo gikomeye kandi impungenge bagaragaje twaziganiriye n’Abaminisitiri bireba. Icyo gihe bose twarabivuganye, tubabwira ikibazo gihari, tuganira n’ubuyobozi bw’Akarere ariko kugeza ubu kuva twavayo koko ntacyakozwe.

Igihe cyose bahora bakubwira ngo nta “budget, budget, budget” kugeza n’ubwo aborozi bo baravuze bati: “Twebwe turatanga uruhare rwacu.”

Hari n’abandi bashoramari bahafite ibikorwa, imirima y’icyayi, abantu bororera hariya bose ntabwo ari abantu bahatuye bamwe ni abashoramari baba hano muri Kigali n’ahandi. Rwose abikorera baranavugaga bati: “Tuzashyiraho uruhare rwacu wenda nka mirongo itatu ku ijana (30%). Leta na yo idufashe idutere inkunga.”

Ndasaba Nyakubahwa Perezida wa Sena ko iki kibazo cy'aborozi bo mu Gishwati n'umuhanda kugira ngo umukamo wabo ushobore kugera ku isoko uko bikwiye kuko amafaranga bahomba n'uwo muhanda yawukora. Ni "lack of coordination" no kugira ngo abantu bicare bidantifiye (identifier) ikibazo bamenye n'uburyo gikurikiranwa.

Nkaba nsaba ko rwego rwo muri aka kazi kacu mu nshingano twihaye yo kwegera abaturage iki kibazo tukigire icyacu tukazagikurikirana kugeza ikibazo kiri mu Gishwati gikemutse kuko ni ikibazo cyabaye ndanze pe. Ni ikibazo cyabaye ndanze kandi kigaruka kenshi rwose nibiba ngombwa tuzajyeyo tuganire n'Abaminisitiri bireba batubwire ikibazo gihari gituma uriya muhanda udakorwa. Kuko birakabije pe!

Njye ngira ngo rwose ibisobanuro Nyakubahwa Usta yampaye byatumye mbona neza ikibazo kiri muri iriya Ntara kuko twagiyeyo kenshi. Tukagaragaza ibibazo tukanabivuga ariko abashinzwe kubikemura bose bakatureregа. Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze.

Murakoze ba Nyakubahwa mubajije kuri "liste" ya gatatu. Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo na none mwafata ijambo kugira ngo mugire icyo muvuga ku byo ba Nyakubahwa Abasenateri babajije kuri "liste" ya gatatu.

**Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere, KAITESI Usta**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Sena. Ndashimira Abasenateri babajije. Ngashimira Senateri RUGIRA washimye raporo ahamya ko azi umukandida, na twe twabonye atuje ariko azi neza icyo gukora, ubona afite umwete n'ubushake nk'uko twabivuze kare.

Hanyuma Honorable KANZIZA yabajije niba hari ibishya agiye gukora. Urebye inshingano za Guverineri icy'ibanze ni uko mu by'ukuri yumva ibibazo bihari. Kandi twe duhuje kuko twari twashatse amakuru agaragara n'ubundi, turiya Turere two muri iriya Ntara uko tungana twose mu mitangire ya serivisi y'inzego z'ibanze, mu bushakashatsi bukorwa na RGB buriya bushakashatsi bw'umwaka twarangije Uturere twose twasubiye inyuma ku buryo hari n'Akarere kari hejuru ya 10 mu gusubira inyuma.

Birumvikana uko Uturere ari turindwi, kuba twarasubiye inyuma mu isura y'abaturage ni ukwerekana ko noneho tuganiriye na we atubwira ikibazo cya mbere, atubwira ati: "Ikibazo cya mbere tubona cyabaye muri iriya Ntara ni uko Abayobozi bibera iyo ngiyo mu Biro batagera mu baturage.Hari icyuho hagati y'abayobozi n'abaturage ntaho bahurira.

Tubona ntabwo bitandukanye mu by'ukuri ku makuru afite n'ubushakashatsi bugaragazwa n'inzego zagiye kuri "terrain", ubona icyo avuga nk'ikibazo ari na cyo abaturage bavuga nk'ikibazo. Birumvikana rero iyo umuntu yamenye ikibazo kukibonera umuti biroroha cyane.

Icyo twebwe tubona ko ari zimwe mu mpamvu zitwereka ko akazi akumva agiye kuri "terrain".

Icya kabiri ngira ngo Honorable Evode agisubiyeho na we yagaragaje amahirwe menshi ari muri iriya Ntara yakabaye atuma itaba Intara ya mbere mu bukene. Aravuga ati: “Hari amahirwe atandukanye. Hari ibishingiye ku miterere y’Intara, hari “risques” zishingiye ku biza n’ibindi ariko hari n’andi mahirwe akomeye ahari abangamirwa n’uko hatari ibikorwa remezo.” Ikibazo cy’ibikorwa remezo twagize Imana dusanga aracyumva, arakizi noneho ashobora no kugishyira ahari ibikorwa nyirizina. Aravuga ati: “Nko muri Nyabihu bafite umukamo uhagije, dufite amahirwe ko mu Gihugu hari uruganda rwo kunoza umukamo ukagira agaciro no kuwongerera inyongereragaciro kandi ibijya muri urwo ruganda bidahagije.” Ubona na we abibona ko ari “priorité”.

Ni ukuvuga ngo ubukene bumwe dufite hari ikintu kimwe, bibiri twakora ikibazo cy’ubukene tukaba tukigabanyije ku buryo bufatika. Kumva ko ibikorwa remezo abibona nk’inkingi ikomeye, ko hari ibyo abaturage bakora bakabibonera umusaruro ariko bigakomeza kubakenesha kurushaho kuko bibangirikira mu maboko, wumvaga uko yumva ikibazo cy’ibikorwa remezo byafasha no kukibonera umuti ku buryo bunoze.

Ndumva muri rusange ni icyo. Ibyo Honorable Evode yavuze ngira ngo Nyakubahwa Perezida wa Sena yasabye ko Sena ikomeza kuba umufatanyabikorwa no gukurikirana, ni amahirwe ko icyo kibazo Sena isanzwe ikizi yanagikozeho. Kugikurikirana kugira ngo kibyare umusaruro ndumva ari inshingano zacu twese. Ndabashimiye.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo.

Ba Nyakubahwa Basenateri. Nyuma yo kugezwaho ibisobanuro n’ibisubizo ku bibazo n’ibitekerezo byatanzwe kuri “liste” ya kabiri n’iya gatatu, uyu ni umwanya wo gufata icyemezo kuri raporo ya Komisiyo. Icyemezo kikaba kiri bufatwe binyuze mu itora ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abasenateri bahari. Ndibutsa ko turi Abasenateri 25. Nkaba rero ngira ngo mbasabe dutorere iyi raporo ya Komisiyo.

Raporo ya Komisiyo ya Politiki n’Imiyoborere ku isuzumwa rya dosiye ya Bwana NTIBITURA Jean Bosco, usabirwa kwemezwa na Sena ku mwanya wa Guverineri w’Intara y’Iburengerazuba yemejwe n’Abasenateri 25, ntawayanze, ntawifashe, nta mfabusa yagaragaye.

Nkaba mbashimira.

Ba Nyakubahwa nyuma yo gufata icyemezo kuri raporo, turakurikizaho gufata icyemezo ku mwanzuro Komisiyo yagejeje ku Nteko Rusange ku ishyirwaho rya Bwana NTIBITURA Jean Bosco ku mwanya wa Guverineri w’Intara y’Iburengerazuba burasirazuba. Umwanzuro na none uremezwa binyuze mu itora ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abasenateri bahari.

Ndagira ngo mbasabe dutorere umwanzuro.

Umwanzuro ku ishyirwaho rya Bwana NTIBITURA Jean Bosco, ku mwanya wa Guverineri w’Intara y’Iburengerazuba wemejwe n’Abasenateri 25, ntawawanze, ntawifashe, nta mfabusa yagaragaye.

Murakoze ba Nyakubahwa. Ubwo Inteko Rusange yemeje ishyirwaho rya Bwana NTIBITURA Jean Bosco, ku mwanya wa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba .

Tukaba rero nyuma y'iki gikorwa dushimira abagize Biro ya Komisiyo n'abandi bagize Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere kuri raporo batugejejeho.

Tukaba dusaba abagize Biro ya Komisiyo ko basubira mu byicaro byabo.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, turakurikizaho ingingo ya kabiri yerekeye kwemeza inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange ya Sena zo ku matariki akurikira:

- iyo ku itariki ya 05 Kamena 2024 (14h00);
- iyo ku itariki ya 13 Kamena 2024 (16h00);
- iyo ku itariki ya 20 Kamena 2024 (15h00);
- iyo ku itariki ya 24 Nyakanga 2024 (15h00).

Buri nyandiko ivunaguye iremezwa ukwayo duhereye ku nyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 05 Kamena 2024 yabaye i saa munani.

Nk'uko bisanzwe turafungura "liste" ya kabiri kugira ngo ba Nyakubahwa Basenateri bashaka kugira icyo bakosora kuri iyo nyandiko ivunaguye bashobore guhabwa ijambo.

Ntawasabye ijambo kuri "liste" ya kabiri. Dufungure "liste" ya gatatu.

Kuri "liste" ya gatatu na ho ntawasabye ijambo.

Ba Nyakubahwa iyi nyandiko ivunaguye yo ku wa 05 Kamena 2024 yabaye i saa munani twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze.

Turakurikizaho inyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 13 Kamena 2024 yabaye i saa kumi. Dufunguye "liste" ya kabiri. Ntawasabye ijambo kuri "liste" ya kabiri.

Dufungure "liste" ya gatatu. Kuri "liste" ya gatatu na ho ntawasabye ijambo.

Ba Nyakubahwa iyi nyandiko ivunaguye yo ku wa 13 Kamena 2024 yabaye i saa kumi twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ndabashimiye.

Turakurikizaho inyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 20 Kamena 2024 yabaye i saa cyenda.

Dufungura “liste” ya kabiri. Ntawasabye ijambo kuri “liste” ya kabiri.

Dufungure “liste” ya gatatu. Kuri “liste” ya gatatu na ho ntawasabye ijambo.

Ba Nyakubahwa iyi nyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 20 Kamena 2024 yabaye i saa cyenda twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Murakoze.

Turasoreza ku nyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 24 Nyakanga 2024 i saa cyenda.

Dufunguye “liste” ya kabiri. Ntawasabye ijambo kuri “liste” ya kabiri.

Dufungure “liste” ya gatatu. Na ho ntawasabye ijambo.

Ba Nyakubahwa inyandiko ivunaguye yo ku itariki ya 24 Nyakanga 2024 i saa cyenda twayemeza ku bwumvikane busesuye?

**Inteko Rusange ya Sena**

Yego.

**Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier**

Ndabashimiye. Izi nyandiko zivunaguye tukaba tumaze kuzemeza zose nk’uko biteganywa n’amategeko.

Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida, ba Nyakubahwa Basenateri, ingingo zari kuri gahunda y’inama y’Inteko Rusange y’uyu munsi tumaze kuzisuzuma zose nkaba nongeye kubashimira.

Igihe inama y’Inteko Rusange itaha izateranira tuzabibamenyesha.

Inama yo kuri uyu mugoroba ikaba ishorejwe aha. Murakoze mugire umugoroba mwiza.

Inteko Rusange yashoje imirimo yayo i saa cyenda n'iminota mirongo ine (15h40).

**MIGAMBI Joseph**
Umwanditsi

**Dr. UMULISA Yvonne**
Umunyamabanga Mukuru wa Sena

**Dr. KALINDA François Xavier**
Perezida wa Sena